# KUZAMURWA KW'ITORERO
# MU BWAMI BW'IJURU
# NA YESU KRISTO W' i NAZARETI
## (Isengesho ryo gutabarwa n' amaraso ya Yesu)

Ikaze mu bwami bwo mu ijuru bwa Yesu Kristo w'i Nazareti nk'Umwami n'Imana ihoraho. Yesu Kristo ni we nzira yonyine y'ukuri ijya mu ijuru **(Yohana 14: 6).**
Reka ubuzima bw'icyaha, garukira Uwiteka nonaha, itorero rye ryera rigiye kuzamurwa. Injira mu bwami bw'ijuru bigishoka. I Karuvari twaguzwe igiciro gihambaye, twasubijwe ubushobozi, imbaraga n'ubutware binyuze muri Kristo Yesu **(1 Abakorinto 6: 19-20).** Amaraso ya Yesu yaduhesheje imbaraga zo gutsinda, anatubohora uburetwa n'ingoyi za Satani. Ubu Satani nta butware cyangwa ububasha akidufiteho, amaraso y'umukiza wacu Yesu Kristo (amaraso ya Ntama w'Imana) yaduhaye ubutware bwo kumutsinda. **Ibyahishuwe 12:11.**

**IKI GITABO KIZAGUFASHA**

- Kumenya ubwami bwo mu ijuru bw'Imana ihoraho.
- Kubaho ubuzima bwo kwezwa no kwitegura kuzamurwa kw'itorero.
- Gusobanukirwa inyungu y'amaraso ya Yesu n'imbaraga zayo.
- Kumenya imbaraga z'umusaraba ku bantu.
- Amasengesho yo kubohorwa ingoyi n'indwara zitandukanye.

Kuzamurwa biri hafi, kandi Yesu agiye gucyura itorero rye bidatinze. Reka ubuzima bw'icyaha wemerere Yesu kuba Umwami n'Umukiza wawe. Hitamo kwinjira mu bwami bwo mu ijuru.

**Imana iguhe umugisha,**
**Petrida Karch.**

## IBIRIMO

**Ubwami bwo mu ijuru ku isi ………………….............. 4**

**Isengesho ryo kwakira Yesu .......................................6**

**Amategeko y'Ubwami bw‘ ijuru ……..................……....7**

**Inyungu Z'agakiza (Ubwami bw'ijuru)........................8**

**Isezerano ry’Amaraso ya Yesu n’imbaraga z’umusaraba ku bantu …...............................................11**

**Imbaraga z‘aMaraso ya Yesu ku bantu .....................13**

**Imbaraga z'umusaraba wa Yesu ku bantu................14**

**Amasengesho yo gukiza indwara zinyuranye.........16**

**Ubutumwa Bwawe......................................................... 20**

## UBWAMI BWO MU IJURU KU ISI

Iyi si yaremewe kugira ngo ishimangire ubwami bwo mu ijuru mu buryo bw'umubiri. Imana ni Jambo kandi binyuze mu ijambo ryayo yaremye ijuru n'isi. Iyi rero ni yo mpamvu nyamukuru itumenyesha ko Ijambo ry'Imana ari Imana ubwayo. Ijuru ni iry'Imana, isi yo yayihaye abantu, ni na yo mpamvu binyuze mu Ijambo ryayo yaremye abantu **(Adamu na Eva**) kugira ngo Imana ubwayo ibashe gutunga, gutegeka no gutwara isi binyuze mu bantu yahaye ku mwuka wayo. **Matayo 25:34**.Abantu bahawe inshingano yo gutwara, gutegeka no kugandura isi nk'abana b'Imana. **(Itangiriro 1: 26-27, Zaburi 115: 16).**

Icyaha cyatumye umuntu atakaza imbaraga n'ububasha bwo gutwara no gutegeka isi. Icyaha cyateje impinduramatwara y'ubutegetsi bw'Imana yo mu ijuru hano ku isi, kinjiza ubundi butegetsi bw'ubwami bw'umwijima. Umuntu wa mbere yabaga mu busitani bwa Edeni mu isi y'umwuka twabugereranya n'ubwami bw'ijuru hano ku isi. Nyuma rero yo gukora icyaha cyo kurya urubuto rwo ku giti bari barabujijwe n'Imana bibatandukanya na yo maze umubano wabo n'Imana uzamo agatotsi. Icyaha cyateje kwigomeka, ari bwo buhemu, bwo kutumvira amategeko. Icyaha kishe isezerano hagati y'Imana n'abantu **(isezerano ryo kwitwa abana b'Imana n'abana b'ubwami).**

Kwihana no kubabarirwa byashoboye kugarura ubu bwami bwo mu ijuru ku isi n'uburenganzira bwabwo bwose twari twarahawe n'Imana mu ntangiriro

binyuze muri Yesu Kristo. Niyo mpamvu Imana, mu rukundo rwayo, yahisemo kohereza umwana wayo w'ikinege ku isi kugira ngo ashobore gucungurisha isi amaraso ye**. Ibyahishuwe 5: 9-10.**

Ubwami bwo mu ijuru bwagaruwe ku isi binyuze muri Yesu Kristo nk'umwami wacu, Uwera ariwe Mana yacu **(Imana ihoraho yo mu ijuru**). Inzira imwe yonyine yo gusubizwa ubwo bwami ni ukwihana **(kubabarirwa cyangwa gukizwa). *(*Matayo 4:17)**

***Yesu ahera ubwo atangira kwigisha avuga ati: "mwihane kuko ubwami bwo mu ijuru buri hafi."***

Yesu niwe nzira y'ukuri n'ubugingo. Ntushobora kwinjira mu bwami bw'ijuru utatuye ko Yesu Kristo ari Umwami n'umukiza w'ubugingo bwawe. Zamura ijwi ryawe ufatanye nange gusenga iri sengesho kugira ngo wakire **Yesu Kristo w'i Nazareti** maze winjire mu bwami bwe bwo mu Ijuru (Ubwami bw'iteka).

## ISENGESHO RYO KWAKIRA YESU - GUKIZWA

Data, mu izina rya Yesu Kristo w'i Nazareti muzima, Mwami Yesu, ndasaba imbabazi z'ibyaha byanjye byose nakoze kuva nkiri muto kugeza ubu. Nyamuneka siba izina ryanjye mu gitabo cy'ikuzimu n'urupfu uryandike mu gitabo cy'ubugingo buhoraho. Nanze satani n'ubutegetsi bwe bwose bw'umwijima.

Nemeye Yesu Kristo w'i Nazareti kandi kuva uyu munsi mwakiriye nk'Umwami n'Umukiza wange. Mweguriye ubuzima bwanjye bwose, n'ubugingo bwanjye. Urakoze Mwami Yesu kuba ungiriye imbabazi, kumbabarira ibyaha byanjye no kumbohora, Amen.

Niba wasenze iri sengesho ufite kwizera, menya ko ukijijwe kandi Yesu Kristo aje muri wowe (mu mutima wawe). Urakaza neza mu bwami bwo mu ijuru (Imana ihoraho). Mu kwakira Yesu wubatse umubano mwiza hagati yawe na Yesu Kristo n'Imana yo mu ijuru kuko binyuze muri iri sengesho wakiriye ibintu bitatu;

1. **Yesu Kristo.**
2. **Umwuka wera.**
3. **Ubaye umwana w'Imana ihoraho kandi nawe uri muzima.**

Ntuzave kuri Yesu, komeza inzira yawe y'agakiza, gundira umwambaro wawe wo kwera. Itorero riri bugufi cyane kuzamurwa.

✞

# AMATEGEKO Y'UBWAMI BW'IJURU

Buri bwami bwose bugira umwami, amategeko n'uburinzi birinda ubwo bwami. Ubwami bwo Mu ijuru nabwo Umwami wabwo ni Yesu Kristo, Imana yabwo ni Uwiteka, amategeko yabwo abumbiye muri Bibiliya Yera kandi abarinzi babwo ni abasirikare bitwa Abamarayika bera. Ubu bwami bubarizwa mu isi y'umwuka (**isi itagaragarira amaso y'umubiri)** bukayoborwa binyuze mu kwizera. Imiyoboro yo gushyikirana hagati y'Imana n'ubwoko bwayo ni amasengesho, iyerekwa, inzozi, Ijambo ry'Imana, ubutumwa bwatanzwe n'abakozi bayo b'ukuri. Umuntu ugaragara agizwe n' abantu babiri muri umwe. Aba bantu barabana bakazatandukanywa n'urupfu rwonyine. Hariho umuntu w'inyuma n' uw'imbere. Umuntu w'inyuma ni umubiri wawe w'inyuma, mugihe umuntu w'imbere ari ubugingo bwawe buzahoraho iteka. Umuntu w'imbere yaremwe n'umwuka (roho) n'ubugingo. Iyo umuntu apfuye roho iratwarwa igasohoka mu mubiri wawe wo hanze ikajya gutegereza urubanza rwa nyuma ruzayihesha ijuru cyangwa ikuzimu. Isi y'umwuka igabanyijemo amatsinda abiri;

- **Isi y'umucyo (Ubwami bwo mu ijuru)**
- **Isi y'umwijima (Ubwami bwa Satani)**

Ijambo ry'Imana ni Imana ubwayo, Ijambo ry'Imana ni uburinzi ndetse ni ingabo ikingira ubwoko bw'Imana imigambi ya Satani.

Amategeko y'Ubwami ni ibikorwa byiza kandi byanditswe **mu gitabo cya Mose (Gutegeka 5: 6 - 22).**
Umuntu w'imbere atunzwe/ abeshwaho n'Ijambo, gusoma Bibiliya, gusenga, kumva ubutumwa bw'abakozi b'Imana b'ukuri, kwiyiriza ubusa no gukora ibikorwa byiza.

***Matayo 4: 4***

***Aramusubiza ati: "Handitswe ngo 'Umuntu ntatungwa n'umutsima gusa, ahubwo atungwa n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana".***

Ikomeze cyane ku ijambo ry'Imana, ntuve kuri Yesu kuko ari bugufi kuza gutwara itorero rye ryera. Ubuhanuzi bwarasohoye ndetse byinshi mu byahanuwe byamaze kuba impamo. Ubuhanuzi bwo mu gitabo k'Ibyahishuriwe **Yohana n'ubwo muri Daniyeli** bugenda busohora. Umwami wacu ari hafi kuza kuzamura itorero rye ryera. Mureke ibyaha mugarukire Uwiteka irembo ry'agakiza n'imbabazi riracyakinguye, ririhafi gufungwa itorero rigataha.

**<u>INYUNGU Z'AGAKIZA (UBWAMI BW'IJURU)</u>**

Abantu benshi ntibazi inyungu n'akamaro byo kwakira Yesu. Muri iyi si nta nyungu ikomeye cyane nko kuba utunze Yesu muri wowe no kuzaba mu buzima bw'iteka. Yesu niwe nzira kandi akaba irembo ryinjira mu bwami bw'Imana ihoraho **(Yohana 14: 6).** Winjira muri iryo rembo gusa mugihe wakiriye Yesu Kristo nk'Umwami n'umukiza w'ubuzima bwawe.

**<u>Inyungu zo gukizwa / Kwakira Yesu.</u>**

**1.** Izina ryawe ryanditswe mu gitabo cy'ubugingo buhoraho mu ijuru.

**2.** Nta burwayi buba muri ubwo bwami ahubwo ni ubuzima bw'iteka.

**3.** Wakiriye ubuzima bw'iteka kuva none kugera na nyuma y'urupfu (nyuma y'urubanza)

**4.** Urinzwe n'abamarayika bera igihe cyose ukiri hano mu isi.

**5.** Nta murozi ukigufiho ububasha habe no gutwazwa igitugu n'imbaraga z'umwijima (**Kubara 23:23**).

**6.** Wavuye mu isi y'umwijima none uje mu isi y'umucyo iyobowe na Yesu kristo nk'umwami n'Uwiteka nk'Imana y'ubwo bwami.

**7**. Ubabariwe ibyaha byawe ukurwaho n'umuvumo ubu uri muzima kandi wakiriye imigisha binyuze muri Yesu Kristo. (**Yesaya 43:25 na Yesaya 1:18).**

**8.** Uhawe uburinzi buturuka mu bwami bw'umucyo, igihe cyose ubuzima bwawe burashinganye.

**9.** Binyuze mu mbaraga z'umwuka wera wakiriye ukimara gukizwa, Uzahishurirwa intego y'ubuzima bwawe. (**ubuzima bwawe bw'ejo hazaza**)

Ndashaka kukubwira ijambo rikomeza umutima wawe: "wahisemo inzira nziza, wahisemo umugisha ukomeye ku buzima bwawe bwa none n'igihe kizaza, wahisemo Yesu usezereye Satani, uhisemo kujya mu ijuru uvuye mu irimbukiro" **(Ibyahishuriwe Yohana 20: 15).**

**<u>Bigenda bite iyo umaze gukizwa / kwakira Yesu mu buzima bwawe?</u>**

Nyuma yo gukizwa ubaye icyaremwe gishya, uvutse ubwa kabiri mu isi y'umwuka. Mu guhitamo Yesu, wakiriye ubuzima bushya, ubuzima bw'amahoro n'imigisha (**Yakobo 3:10**). Ukimara kwatuza akanwa kawe isengesho ryo kwakira Yesu, wakiriye umugisha wo gutunga Yesu usezereye umuvumo. Ugize neza komereza aho! Abatarakira Yesu bose (abadakijijwe) baracyabarwaho umuvumo wazanye n'icyaha cyaturutse ku kutumvira Imana kwa Adamu na Eva. Binyuze mu maraso ya Yesu twahanaguweho uyu muvumo tunakurwa mu bwami bwa Satani. Dore izindi nyungu ugize nyuma yo kwakira Yesu mu buzima bwawe:

**1)** Ibyaha byawe byose birababariwe **(1Yohana 1: 9).**
**2)** Izina ryawe ryanditswe mu gitabo cy'ubugingo buhoraho mu ijuru **(Luka 10:20).**
**3)** Ubaye icyaremwe gishya (**2 Abakorinto 5:17 n' Abefeso 4: 22-24)**
**4)** Urinzwe n'abamarayika bera igihe cyose **(Zaburi 91: 11-12).**
**5)** Ubaye ikicaro gikuru cy'Imana na Kristo hano ku isi (**Yohana 14:23 n' Abefeso 2:22).**
**6)** Umwuka Wera atuye muri wowe (**1 Abakorinto 6:19).**
**7)** Uhawe ubutware kuri Satani n'abakozi be kandi imirimo yabo yose nta bubasha igifite kuri wowe **(Luka 10:19 na Yakobo 4: 7).**

**8)** Uzazuka kandi uzamurwe na Yesu igihe azaza gutwara itorero rye (abakijijwe) kuko ufite ubuzima bw'iteka.
(**1 Abatesalonike 4: 16-17 na 1 Yohana 5:12).**

✞

# ISEZERANO RY'AMARASO YA YESU N'IMBARAGA Z' UMUSARABA KU BANTU



Amaraso ya Yesu abumbatiye isezerano ku bantu, afite ubushobozi bwo gutsinda Satani n'ubwami bwe cyane cyane muri iyi minsi ya nyuma isatira kuzamurwa kw'itorero (**Ibyahishuriwe Yohana 12.11).** Twaguzwe amaraso y'igiciro y'umukiza wacu **Yesu Kristo w'i Nazareti**, twarabohowe kandi ntitukiri imbata z'icyaha (**1 Abakorinto 6: 19-20**). Nubwo Satani ari umutware w'iyi si, Twahawe ubutware bwo kumutsinda binyuze mu maraso y'Umwana w'intama **(amaraso ya Yesu kristo) Ibyahishuwe 12:11.** Kuri ubu Satani ntakidufiteho ubutware, twahawe imbaraga n'ububasha binyuze muri **Kristo Yesu** (**imbaraga z'umusaraba n'amaraso y'umukiza wacu Yesu Kristo**) yamennye i karuvari amaze gutsinda urugamba no kutubohora mu buretwa n'ingoyi za Satani**.** Isi iri mu bihe by'imperuka, igihe turimo kwitegura kuzamurwa kw'itorero (**kugaruka k'Umwami n'umukiza wacu Yesu Kristo w'i Nazareti**). Iki gihe nticyoroshye kubera intambara z'amadini zibuza benshi kwinjira **mu Bwami bwo mu ijuru bikarangirira ikuzimu (umuriro). Izina rya Yesu, Umwuka Wera, Ijambo ry'Imana n'imbaraga z'umusaraba** byose birakomeye, ariko **Amaraso ya Yesu** arakomeye muri iki gihe cyo kwitegura kuzamurwa kw'itorero**.** Ibyahishuriwe Yohana ni igitabo gisobanura ibihe by'imperuka y'isi turimo mbere na nyuma yo kuzamurwa kw'itorero no gusenyuka kw'isi. **Ubwami bw'umwijima ( bwa Satani) bukoresha imbaraga zikomeye zo kubuza abantu benshi kugarukira Imana ihoraho,**

**kwihugiraho no kutakira agakiza**. Turi mu ntambara yo mu mwuka aho duhanganye na Satani kandi ntidushobora kuyitsinda tutarwanishije **imbaraga z'Umwuka Wera n'amaraso ya Yesu** ayo twahaweho isezerano cyane cyane muri ibi bihe bikomeye bya nyuma. **Ibyahishuriwe Yohana 12:11**

***"Na bo bamunesheshesheje amaraso y'Umwana w'Intama n'ijambo ryo guhamya kwabo, ntibakunda amagara yabo, ntibanga no gupfa."***

**AHANTU HATANDATU YESU YAVUYE AMARASO KU MUBIRI**

**1. Amaraso yo mu maso** - Igihe Yesu yasengaga ku musozi wa Getsemani (**Luka 22:41 – 44)** ibitonyanga by'amaraso byajojobye mu maso ye, kubw'ayo maraso rero, masura y'abantu twese yemewe n'Imana, uburanga bwacu aribwo bwiza karemano **bubohorwa mu ngoyi zose z'umugome (Satani).**

**2. Amaraso yo mu mugongo** - Igihe Yesu yakubitwaga inga mu mugongo yavuye Amaraso, ayo niyo adukirisha akatuvura imvune n' **indwara zose.**

**3. Amaraso yo mu biganza** - Igihe Yesu yaterwaga imisumari mu biganza, yavuye amaraso ayo yaduhaye ububasha bwo gukiza, kurambika ibiganza ku barwayi bagakira.

Twahawe ububasha bwo gukiza indwara zose. **Mariko 16: 17-18.**

**4. Amaraso yo ku birenge** - Amaraso Yesu yavuye amaze guterwa umusumari ku birenge yaduhaye ubutware bwo kwigarurira, kunesha no gutsinda imbaraga zose z'umwanzi. (**Zaburi 91:13, Luka 10:19, Zaburi 60:12)**

**5. Amaraso yo ku mutwe** - Igihe Yesu yambikwa ikamba ry'amahwa, Amaraso yavuye ku mutwe we yahanaguye imivumo yose abantu bari baratewe n'isi

na Satani, abohora ubwenge, imyumvire n'imitekerereze yacu
**(Itangiriro 3: 17-18).**

**6. Amaraso yo mu rubavu**- Yesu yavuye amaraso ubwo yacumitwaga icumu n'umusirikari mu rubavu kugira ngo arebe ko yapfuye. Havuyemo amazi n'amaraso, **amazi asobanura ubuzima twakiriye bw'iteka, mugihe amaraso yo ari ubutsinzi hejuru y' imbaraga z'urupfu no kugarura ubuzima ku isi. (Yohana 19: 33-34, Zaburi 118: 17).**

## IMBARAGA Z'AMARASO YA YESU KU BANTU

Satani atinya cyane Amaraso ya Yesu, niyo mpamvu adashaka ko Amaraso ya Yesu akoreshwa kuko abumbatiye **Isezerano ku bantu** kandi afite imbaraga zo kumutsinda cyane cyane muri ibi bihe bya nyuma.

**1. Amaraso ya Yesu** - yifitemo ubuzima, akuraho urupfu agatanga ubuzima. Binyuze muri yo twakiriye ubuzima, duhuzwa n'Imana atwunga na yo. (**Abaroma 3:25)**

**2. Amaraso ya Yesu** - Yatugize umwandu w'Imana. Aya Maraso yatuvuvunuye mu biganza by'umwanzi aratubohora. Twahindutse umutungo bwite w'Imana ihoraho, ntitukiri umutungo wa Satani. Twaguzwe Amaraso y'igiciro ubu twarabohowe. **(Ibyahishuwe 5: 9, Ibyakozwe n'intumwa 20:28, 1 Petero 1: 18-19.)**

**3. Amaraso ya Yesu** - Yaduhanaguyeho ibyaha byacu aduha umudendezo, aduhindura bashya. **Matayo 26: 27-28, Abaheburayo 9:22, 1 Yohana 1: 7.**

**4. Amaraso ya Yesu** - aduha uburinzi ku isi, aradutwikira akanaturinda imbaraga z'umwijima, indwara zose n'ibitero byose by'umwanzi (Satani).

**5. Amaraso ya Yesu** - aduha ubutwari bwo kurwana no gutsinda intambara yo mu mwuka turwana na Satani, ndetse tukabasha kwegera intebe y'ubwami kuko yatwejeje kandi aduha uburenganzira bwo kujya imbere y'Imana. **Abaheburayo 10:19.**

**INDIRIMBO**

***Amaraso ya Yesu × 3***
***asukura neza,***
***Kandi imbaraga za Satani zatsinzwe na Yesu × 3***
***Ndashimira Umukiza***
***Kandi imbaraga z'abadayimoni zatsinzwe na Yesu × 3***
***Ndashimira Umukiza***
***Umunsi umwe, Yesu azagaruka x 3***
***gutwara itorero.***

## IMBARAGA Z'UMUSARABA WA YESU KU BANTU

Mu musaraba harimo imbaraga zihambaye. Kubwo gukubitwa kwa Yesu twahawe umudendezo. Imbaraga z'umusaraba zabohoye ubugingo bwacu zidukura mu rupfu zitugeza mu ubuzima bw'iteka. Tubana na Yesu Kristo kubw'imbaraga twakiririye ku musaraba. Uwizera wese yabambanywe na Yesu mu rupfu rwe barapfana azukana na we kandi yakira ubuzima bw'iteka muri Yesu. Twari dupfuye kubw'ibyaha byacu ariko ubu turiho muri Yesu.

**1. Imbaraga z'umusaraba** – zacunguye ubugingo bwacu. Ubugingo ni umuntu wawe w'imbere ubaho iteka, uyoborwa n'umwuka, uwo ni we Yesu yacunguye ku musaraba akamukura mu rubanza rw'ikuzimu akamwinjiza mu buzima bw'iteka (Ubwami bwo mu ijuru) bw'Imana ihoraho.

**2. Imbaraga z'umusaraba** - zadukuye mu bwami

bw'umwijima zituzana mu bwami bw'umucyo bwa Ntama w'Imana (Yesu Kristo w'i Nazareti).

**3. Imbaraga z'umusaraba** - zaduhaye ububasha bwo gutwara no gutegeka isi turangajwe imbere na Yesu Kristo umwishingizi wacu hano ku isi. **Luka 10:19.**

**4. Imbaraga z'umusaraba** - zaduhaye ikirango mu isi y'umwuka kitugaragaza ko turi abana b'ubwami bw'ijuru. Twashyizweho ikimenyetso ku gahanga kigaragaza ko turi ab'ijuru, Satani nta bubasha adufiteho, twarabohowe ntitukimubaruweho.

**5. Imbaraga z'umusaraba -** zaduhaye uburenganzira bwo kuzazamurwa nk'itorero.

**6. Imbaraga z'umusaraba -** zaduhaye Umucyo. Binyuze muri Yesu natwe twahinduwe Umucyo nk'uko nawe yari ameze akiri mu isi.

Ku musaraba twaguzwe igiciro gihambaye cy'Amaraso ya Yesu n'imbaraga z'umusaraba. Ntimukanduze imyenda yanyu yera mwambitswe mumaze gukizwa kuko mwahindutse ubuturo bw'Umwuka Wera mwahawe nk'isezerano mukimara kwakira Yesu. Mbere yo kugira isengesho usenga ugomba kuba waratuye isengesho ryo kwakira Yesu no kubabarirwa ibyaha kugira ngo nujya imbere y'Imana ube utunganye bityo Umurezi (Satani)abure amakosa agushinja, ndetse amasengesho yawe azabe nk'umubavu uhumura neza imbere y'Imana. Abakijiwe bose barindwa n'imbaraga z'Imana, bakikijwe n'umuriro ugurumana (**umuriro utwika),** kandi amaraso ya Yesu arabatwikiriye igihe cyose, umwanzi ntashobora kubashyikira kuko iteka barinzwe n'abamarayika

b'Imana. Ukimara gukizwa uba wimutse mu isi y'umwijima (**ubwami bw'umwijima)** ukerekeza mu yindi si ari yo bwami bw'umucyo.

✞

**AMASENGESHO YO GUKIZA INDWARA ZINYURANYE**

**1. KWITANDUKANYA N'AMASEZERANO MABI YAKOZWE MU MIRYANGO YACU.**

Data mu izina rya Yesu kristo w'i Nazareti, Imana nzima, ndamenagura kandi ndasenya igicaniro cyose cyubatswe cyangwa cyangezeho binyuze mu bintu byange cyangwa abana bange cyangwa abavandimwe bange. Mu izina rya Yesu, ndasenya igicaniro cyose kibi cyangizeho ingaruka. Ntandukanije ubugingo bwange, umwuka wange, ubuzima bwange bwose n'urutambiro rubi. ndohereza Abamarayika Bera kunyura mu duce twose two abadayimoni boherejwemo kundwanya cyangwa gusohoza intego y'ibicaniro bibi, kubafata, kubaboha no kubatwikisha umuriro w'Imana mu izina rya Yesu. Ndakoresha Amaraso ya Yesu mu guhanagura no guca imivumo n'amasezerano yose yakozwe na basogokuruza na ba nyogokuru bo mu gisekuru cyange, nk'uko byanditswe mu Ijambo ry'Imana, **Ibyahishuwe 12:11;**
***"Kandi bamutsinze Amaraso ya Ntama n'ijambo ry'ubuhamya bwabo, badakunda ubuzima bwabo kugeza ku rupfu. "***
Ndaburizamo amasezerano yose mabi nkoreshesheje Amaraso ya Yesu. Ndatwikisha umuriro w'Umwuka Wera ibicaniro byose, ndahanagura ibirego n'imivumo byose mu izina rya Yesu Kristo. Ndatandukanya isano riri hagati yange n'ibyo bicaniro nkoresheje Inkota ariyo Jambo ry'Imana. Ndasibisha Amaraso ya Yesu izina ryange mu gitabo cy'amasezerano mabi kandi ndandikisha izina

ryange mu gitabo cy'ubugingo buhoraho. Nemereye Amaraso ya Yesu kunyura mu mubiri wange n' ubugingo bwange agahanagura umuvumo wose, no gusesa isezerano ryose akegurira ubuzima bwange Yesu Kristo. Ku kw'ayo maraso kandi ndasezerana isezerano rishya ko ndi uwa Yesu n'Imana ihoraho. Guhera ubu sinkiri uwa Satani. Urakoze Mwami Yesu kunkiza, kumbabarira, kumbohora no gukorana nange Isezerano ry'amaraso yawe, **amen.**

## 2. ISENGESHO RYO GUKIZWA IMBARAGA Z'UMWIJIMA.

Mfashijwe n'imbaraga z'Ubutatu Butagatifu bw'Imana, ni ukuvuga Imana Data, Imana Mwana n'Imana Umwuka Wera, nitandukanije n'imbaraga zose z'umwijima zandwanya mu isi y'umwuka. Mw'izina rya Yesu Kristo w'i Nazareti, nigobotoye imbaraga zose z'umwijima zindwaniriza mu isi y'umwuka. Mu izina rya Yesu, ndiyambura umwambaro wose w'adayimoni, imyuka mibi, uburozi, ubupfumu, n'ibindi byose nambitswe mu buryo bw'imbaraga z'umwijima kugira ngo byangize ubuzima bwange, ndabitwikisha umuriro w'umwuka wera, ndatwika ikintu cyose cy'ubwami bw'umwijima gihinduke umuyonga mu izina rya Yesu. Nitandukanije n'imbogamizi zose zashyizwe imbere yange kugira ngo ntabasha kugera mu bihe byange byiza, nkoresheje inyundo y'Ijambo ry'Imana, nsenye urukuta rwose, umusozi n'inzitizi zose zihagaze imbere yange bimbuza gutambuka. Ndasibisha amaraso ya Yesu buri kimenyetso, icyo ari cyo cyose nashyiriweho mu isi y'umwuka kerekana ko neguriwe Satani. Nsheshe amasezerano yose y'umwijima naba narakoze ntabizi binyuze mu myenda nambaye, ibiryo nariye, n'inzozi zose mu izina rya Yesu. Ntegetse izuba ryo gukiranuka kumurika ubuzima bwange bwose guhera ubu kandi ndemerera umuriro w'Umwuka

Wera gutwika imigambi mibisha yose y'abanzi bange bose mu izina rya Yesu Kristo w'i Nazareti.Nkoresheje Amaraso ya Yesu, Nsenye igicaniro cyose kibi, ndaburizamo ibitambo bibi byose byatanzwe ku buzima bwange. Ncecekesheje amajwi mabi yose y'ibitambo mpaye ikaze Amaraso ya Yesu avuga ibyiza ku buzima bwange. Mpanaguye igicucu cyange n'ubugingo bwange muri ibyo bicaniro kandi ndigobotora iyo ngoyi kuva none. Ndabohora kandi ubukungu bwange ndisubiza ubutunzi bwange n'imitungo yange byanyazwe n'umwanzi mu isi y'umwuka mu izina rya Yesu Kristo. Ndisubiza ibintu byange byose byibwe nk'inyenyeri, kwemerwa, urushako n'ibindi, nongeye kubisukuza amaraso ya Yesu. Nemereye imbaraga z'Umwuka Wera kunkomeza, kurinda ubuzima bwange bwose no kungobotora mu imbaraga z'umwijima. Urakoze Mwami Yesu kuba umbohoye, **amen.**

**3. ISENGESHO RY'ABANA BACU.**

Mwami Yesu, nzanye abana bange bose imbere yawe, ndagusabye ubababarire ibyaha byabo byose bakoze babizi cyangwa batabizi. Nkuko byanditswe muri **Matayo 19:14**

"***Ariko Yesu arababwira ati: "Reka abana bato baza aho ndi, kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo."***

Twemeye kugukorera, Mwami w'abami, Imana ihoraho n'Imana yacu. Ntandukanije abana bange n'izindi mana z'isi mu izina rya Yesu. Ndakoresha amaraso ya Yesu kugira ngo mbatandukanye n'amasezerano yose bakoreweho baba babizi cyangwa batabizi. Ndatwikiriza abana bange amaraso ya Yesu ubuzima bwabo bwose abarinde aho binjirira n'aho basohokera, ndayatwikiriza ibiryo n'ibinyobwa bakoresha aho bari hose, ndatandukanya abana bange n'inshuti cyangwa abarimu bahujwe n'izindi mana z'iyi si. Ndafunga urupfu na kuzimu

nta bubasha bibafiteho mu izina rya Yesu Kristo. Ndabaturaho imigisha, amahoro, ubwitonzi, kumvira, ubwenge, ubuhanga, insinzi n'umwuka wo gushaka Imana ubu n'iteka ryose. Urakoze Mwami Yesu kubabarira, kubohora no gushyigikira abana bange, **amen.**

**4. ISENGESHO RY'UMURYANGO WAWE.**
Mu izina risumba amazina yose, izina rya Yesu Kristo w'i Nazareti, mpishe umuryango wange mu maraso ya Yesu. Twitandukanije n'amasezerano y'imana z'amahanga kandi twemeye gukorera Imana yo mu ijuru. Turakwemerera Mwami kwiharira ubuzima bwacu bwose ubuziraherezo. Mwuka Wera, senya, rimbura, urukuta rwose, inzitizi yashyizwe imbere y'umuryango wange mu izina rya Yesu. Mfungishije amaraso ya Yesu amarembo yacu yose ubu n'iteka ryose. Nzengurukishije urukuta rw'umuriro kandi mpishe urushako rwange mu maraso ya Yesu ubuziraherezo. Ikaze Mwami Yesu tegeka ubuzima bwacu, urugo rwacu, ubukungu bwacu kuva ubu n'iteka ryose **amen.**

**5. AMASENGESHO YO GUSHIMIRA**
Data wo mu ijuru, ndaje imbere yawe kandi ndagushimiye. Urakoze ku buzima, umwuka, urukundo wangiriye binyuze kuri Yesu Kristo umuhuza wacu. Warakoze kurwanya umwanzi wange ukantoranyiriza kuba umwana wawe ukanzigamira kwinjira mu bwami bwawe bw'iteka. Ngushimiye abamarayika bawe badahwema kundinda amanywa n'ijoro abanzi bange bose. Warakoze kumbabarira ibyaha byange byose nakoze kuva nkivuka kugeza ubu. Urakoze ko undindira ubutunzi bwange, urushako rwange, akazi kange no kunyereka ubuntu bwawe. Urakoze kunkura mu mbaraga z'umwijima no kumpa uburenganzira bwo kuba mu bwami bw'umucyo

wa Yesu Kristo nawe Mana ihoraho - Imana ya Isiraheli, Imana yange ngomba gusenga, gukorera no guhungiraho." mu gusoza ibihe byawe byo gusenga waririmba indirimbo eshatu cyangwa enye waba uzi mu zo guhimbaza Imana, **amen.**

**UBUTUMWA BWAWE**

Soma Ijambo ry'Imana (**Bibiliya),** wiyiriza ubusa, usenge cyane, ukore ibikorwa byiza, wumve amagambo y'Uwiteka ku bakozi be b'ukuri kandi wite ku gukiranuka kwawe. Nkwifurije imigisha myinshi n'insinzi ikomeye mu rugendo rwawe rw'agakiza.Itorero ry'Umukiza riri hafi kuzamurwa, ubuhanuzi bwarasohoye, ntukareke Uwiteka, baho mu buzima bwo kwezwa kugira ngo ube umwe mubatowe / abera bategereje kuzamurwa.

***Niba warakozwe ku mutima n'iyi serivisi, ushobora gutanga impano yawe kugira ngo dukomeze gucapa ibitabo byinshi n'abandi bashobore gukira no kugera ku gakiza ku buntu nkuko wabigezeho, kugira ngo nabo bashobore kwinjira mu bwami bw'Imana mu ijuru bityo Izashobore kubona umusaruro mwinshi ku munsi wo kuzamurwa kw'itorero. Watanga impano yawe ubinyujije kuri izi nimero zikurikira:***

**Izina: JESUS CHRIST AMBASSADORS**
**M-Pesa: +255755734678**
**Igihugu: Tanzaniya.**

Uwiteka aguhe umugisha mwinshi, akongerere aho ugabanukiwe kandi reka yibuke ubutunzi bwawe bwo mu ijuru, **Amen.**

**Umwanditsi w'ibitabo;**
**Petrida Karch**
**Imeri: petridakarch@gmail.com**
**Terefone: +491758114293**